

IDENTIFICATION : **A/903 du 07/04/94**

DURÉE : **60 minutes**

QUALITÉ : **Bonne**

TRANSMISSION : **Radio Rwanda**

NOM DU FICHIER : **A/903**

DATE DE TRANSCRIPTION : **Le 07.01.2000**

NOM DU TRANSCRIPTEUR : **MUSHONGANONO Béatrice**

DICTAPHONE : **BO-760/49 MODELE: 2750-6 SERIE: 516565**

FACE A**ORATEUR: Non identifié:**

... rwandais inopiné du Chef de l'Etat, Son Excellence le Général Major HABYARIMANA Juvénal survenu ce 06/04/94 vers 20:30 à Kanombe. L'appareil qui le ramenait de Dar -es -Salam ayant été descendu par des éléments non identifiés, et dans des circonstances non encore élucidées.

A bord du même avion se trouvait Son Excellence Monsieur NTARYAMIRA Cyprien, président de la république du Burundi qui a trouvé la mort avec deux de ses ministres qui l'accompagnaient. Le chef d'Etat major de l'armée rwandaise, le général major NSABIMANA Déogratias, l'ambassadeur RENZAHU Juvénal, le colonel SAGATWA Elie, le docteur AKINGENEYE Emmanuel et le major BAGARAGAZA Thaddée et tous les membres de l'équipage ont aussi péri dans ce sinistre.

Le ministre de la défense demande au peuple rwandais de ne pas céder au découragement suite à ce douloureux événement, et d'éviter tout acte pouvant porter atteinte à la sécurité publique. Il recommande également la population de rester chez elle en attendant de nouvelles directives. Il recommande spécialement aux forces armées de rester vigilantes, d'assurer la sécurité de la population, et de garder le courage, la clairvoyance dont elles ont toujours fait preuve dans des moments difficiles.

(Musique classique).

ORATEUR: Non identifié:

... hafi y'ikibuga cy'indege, tariki ya gatandatu z'ukwezi kwa kane urwenda na kane mu ma saa mbiri n'igice z'ijoro aho indege yari imuvanye i Dar-es-salam yarashwe n'ababisha bataramenyekana. Akaba yari kumwe na Nyakubahwa NTARYAMIRA Sipiriyani, Umukuru w'igihugu cy'u Burundi na we akaba yayiguyemo ari hamwe n'abaminisitiri be babiri.

Akaba yari kumwe kandi n'Umukuru wa Eta majoro w'ingabo z'igihugu Jenerali majoro NSABIMANA Déogratias, na Ambasaderi RENZAHO, na Coloneli SAGATWA, na Dogiteri AKINGENEYE Emmanuel, na Majoro BAGARABAZA Tadeyo n'abaderevu b'indege, abo bose nta n'umwe warokotse.

Ministre w'Ingabo z'igihugu arasaba abaturarwanda bose kwihangana muri ako kababaro dutewe n'urwo rupfu, kandi bakirinda ibikorwa ibyo ari byo byose byahungabanya umutekano mu gihugu. Asabye abaturarwanda bose kuguma mu ngo zabo kugeza igihe bazabonera andi mabwiriza. Ministre w'Ingabo z'igihugu asabye kandi by'umwihariko ingabo z'igihugu gukomeza kuba maso zikabungabunga umutekano w'abaturage, no gukomeza ubwitonzi n'ubutwari nk'uko bitahwemye kubigaragaza igihe cyose igihugu cyagiye kigira akaga.

(Musique classique)

ORATEUR: Non identifié:

Radio Rwanda émettant de Kigali, il est 6 h passée de 01min 38 sec dans nos studios.

Communiqué émanant du Ministère de la défense "*le ministre de la défense a la profonde douleur d'annoncer au peuple rwandais le décès inopiné du Chef de l'Etat son excellence le général major HABYARIMANA Juvénal, survenu ce 06/04/94 vers 20:30 à Kanombe, l'appareil qui le ramenait de Dar-es-salam ayant été descendu par des éléments non identifiés et dans des circonstances non encore élucidées.*

A bord du même avion se trouvait Son excellence Monsieur NTARYAMIRA Cyprien, Président de

la république du Burundi qui y a trouvé la mort avec deux de ses Ministres qui l'accompagnaient. Le Chef d'Etat major de l'armée rwandaise, le général major NSABIMANA Déogratias, l'ambassadeur RENZAHU Juvénal, le colonel SAGATWA Elie, le docteur AKINGENEYE Emmanuel, et le major BAGARAGAZA Thaddée et tous les membres de l'équipage ont aussi péri dans ce sinistre.

Le ministre de la défense demande au peuple rwandais de ne pas céder au découragement suite à ce douloureux événement, et d'éviter tout acte pouvant porter atteinte à la sécurité publique. Il recommande également à la population de rester chez elle en attendant de nouvelles directives. Il recommande spécialement aux forces armées de rester vigilantes, d'assurer la sécurité de la population, et de garder le courage. Et la clairvoyance dont elles ont toujours fait preuve dans des moments difficiles".

(Musique classique).

ORATEUR: Non identifié:

(Inaudible...)

Eh... cependant est-ce que deuz raisons évidentes eh... nous sommes surpassés à attendre. (Inaudible)

ORATEUR: Non identifié:

- Monsieur NDAGIJIMANA vous pensez vous même que c'était (inaudible)?

- Avec les informations (inaudible) parce que les 2 chefs d'Etat avaient voyager ensembles (inaudible...)

ORATEUR: Non identifié:

Perefefe wa Perefegitura y'umujiyi wa Kigali arasaba akomeje abatwaga bese batuye mu mujiyi wa Kigali ko bategetswe kubahiriza amabwiriza yashizweho na ministère y'Ingabo z'igihugu.

Aramenyeshya abaturage ko bibujijwe guhohotera abandi kandi basabwe kwitonda muri ibi bihe bikomeye, mu korohereza no gufasha abashinzwe umutekano. Abaturage mu ngo zabo bashinzwe umutekano iwabo ntihagire ubameneramo. Ni Koloneli RENZAHO Tharcisse, Préfet wa Perefegiture y'umujyi wa Kigali wasinye iri tangazo.
(Musique classique).

... y'u Rwanda ba Ofisiye bakuru b'ingabo z'igihugu, bateranye kugira ngo barebere hamwe uko ibintu bimeze mu gihugu n'icyakorwa kugira ngo umutekano ugaruke, n'inzego za politike zishobore gukora. Ingabo z'igihugu twese tubabajwe n'iyo nkuru y'incamugongo, kandi tukaba twifatanyije n'umuryango wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, n'uwa Perezida w'u Burundi, hamwe n'indi miryango yose yatakajaje abantu bayo.

Bamaze gusuzuma uko ibintu byifashe mu gihugu ubungubu, ariko cyane cyane mu mujyi wa Kigali, bafashe ibyemezo bikurikira

Icyamba mbere: gukora ibishoboka byose bafatanyije n'izindi nzego kugira ngo umutekano ugaruke vuba. Kubera iyo mpamvu ingabo z'igihugu zisabwe kwiyumanganya, no kugaragaza ubwitonzi na discipline zisanganywe kugira ngo zishobore guhumuriza abaturage no kubungabunga umutekano wabo.

Icyamba kabiri: gutanga ihumure mu gihugu bityo bigatuma inzego za politike n'iz'ubutegetsi bishobora kurangiza inshingano zazo. Ubwo rero abayobozi b'ingabo bakaba basabye bakomeje abanyapolitike kurushaho kwihutira gutunganya imirimo bashinzwe, cyane cyane muri ibi bihe by'akaga turimo. Niyo mpamvu basabye Guverinoma iriho gutunganya akazi kayo n'inzego zibishinzwe zigashishikarira gushyiraho vuba na bwangu ubutegetsi buteganywa n'amasezerano ya Arusha

Icyamba gatatu: abayobozi bakuru b'ingabo z'igihugu bashyizeho akanama ko gukurikiranira hafi ibyerekeranye n'umutekano mu gihugu no kunganira abanyapolitiki. Bakaba babasaba kwakira neza iyo nkunga y'ingabo z'igihugu, kugira ngo bakure igihugu cyacu muri iki gihirahiro.

Icyamba kane: abayobozi bakuru b'ingabo z'igihugu basabye abaturage kwitonda no kwirinda ikintu

cyose cyabatera gushotorana cyangwa gusubiranamo. Abaturage, urubwiruko ku buryo bw'umwihariko, basabwe kwirinda ibikorwa by'ububandi n'ababifatwemo bagahanwa bikomeye. **Icy'a gatanu:** kubera ibibazo by'umutekano muke, abayobozi bakuru b'ingabo z'igihugu basabye abayobozi ba za Perefegitura ko basuzuma neza ibibazo by'umutekano muri za Perefegitura zabo, byaba ngombwa bagashyiraho umukwabu. Bongeye gusaba abataturwanda bese kwihanganira amagorwa turimo kugira ngo umutekano ushobore kugaruka mu gihugu. (Musique classique)

ORATEUR: Non identifié:

... après le décès inopiné des chefs d'Etat rwandais et burundais et de leurs suites, le cadre supérieur des forces armées a tenu une réunion ce 7 avril 94 à l'Ecole supérieure militaire pour examiner la situation de sécurité dans le pays en général et dans la préfecture de la ville de Kigali en particulier, ainsi que les mesures à prendre pour le retour rapide de la sécurité publique et la reprise des activités normales des institutions du pays. Tous les membres des Forces armées ont été consternés par cet événement tragique et expriment leurs profondes condoléances aux familles des deux chefs d'Etats et à toutes les autres familles éprouvées. Après un tour d'horizon sur la situation qui prévaut dans le pays en général et dans la ville de Kigali en particulier, les participants à la réunion ont pris les décisions et recommandations suivantes:

Primo: Mettre tout en oeuvre en collaboration avec les autres services concernés pour que la situation dans le pays se normalise rapidement. A cet effet, les membres des Forces armées sont invités instamment à se dépasser et à faire montre de retenue et de discipline pour reconforter la population et ramener le calme dans le pays.

Secundo: Créer les conditions propices à un climat permettant aux organes dirigeants du pays de travailler dans la sérénité ainsi au nom des Forces armées rwandaises les participants demandent avec insistance aux responsables politiques de s'investir davantage dans l'accomplissement de leurs

devoirs spécialement en cette période de crise. C'est dans ce cadre que le gouvernement en place est prié de s'acquitter de ses fonctions, de même les instances politiques concernées sont invitées à accélérer la mise en place des organes de transition prévus dans l'accord d'Arusha.

Tertio: Les participants à la réunion ont mis sur pied un comité de crise chargé de suivre de près la situation sécuritaire dans le pays et d'apporter appui aux responsables politiques. Il est dès lors demandé à ces responsables de mettre à profit cette contribution pour sortir le pays de la crise.

Quarto: Les cadres supérieurs des Forces armées rwandaises invitent la population à rester calme, et à se refuser à toute sollicitation de nature à attiser les haines et les violences de tous ordres. La population en particulier la jeunesse, doit se garder des actes de vandalisme sous peine de s'exposer à une sévère répression.

Quinto: Suite aux problèmes liés à l'insécurité, les participants à la réunion demandent aux autorités préfectorales d'examiner la situation de sécurité dans leur ressort y compris le couvre-feu si de besoin. Ils réitèrent leur invitation à la population de supporter courageusement les dures épreuves que nous traversons pour que le calme revienne sans tarder.
(musique classique)

ORATEUR: Non identifié:

Afatanyije n'inama ya Perefegitura ishinzwe umutekano, bamaze kubona umutekano muke urangwa hamwe na hamwe mu Makomine ya Cyangugu, bamaze kumva itangazo ry'abayobozi bakuru b'ingabo z'igihugu, baramenyeshya abaturage bose ba Perefegitura ya Cyangugu ko hashyizweho umukwabu muri Perefegitura ya Cyangugu yose. Uwo mukwabu uzajya utangira saa kumi n'ebiyiri za nimugoroba, ugeze saa kumi n'ebiyiri za mu gitondo. Abantu bose bategetswe kuba bari mu ngo zabo muri ayo masaha. icyo cyemezo kiratangira gukurikizwa guhera uyu muni ku wa kane tariki ya kalindwi z'ukwezi kwa kane muri mirongo cyenda na kane. Bikorewe i Cyangugu, tariki ya karindwi z'ukwezi kwa kane mirongo cyenda na kane, Perefefe wa Perefegitura ya Cyangugu

BAGAMBIKI Emmanuel ni we washize umukono kuri iri tangazo.

(Musique classique)

ORATEUR: Non identifié:

... z'igihugu zongeye kubamenyesha ko nyuma y'urupfu rw'umukuru w'igihugu, umutekano wabayeye mukeya cyane cyane mu mujyi wa Kigali. Ibyo bikaba byaturutse cyane cyane ku basirikare, bamwe kubera uburakari batorotse ibigo byabo bagatera mu baturage bakabagirira nabi. Ingabo z'igihugu rero ntizishobora kwihanganira ibyo bikorwa bigayitse by'ubugizi bwa nabi, akaba ari na yo mpamvu zihutiye gukora ibishoboka byose kugira ngo zibungabunge umutekano w'abaturage, zishakisha kandi zifata abo bagizi ba nabi ku buryo ejo nimugoroba iyo nkubiri y'umuyaga yari imaze guhosha.

Zongeye gusaba abaturage kuba maso kugira ngo bazifashe guhashya abo bagizi ba nabi. Ikindi kandi zibamenyesha, ni uko abasirikare ba FPR baba muri ya Ngoro y'Abadepite ku Kimihurura, bayisohotsemo bakagaba igitero ku kigo cy'abasirikare bashinzwe kurinda umukuru w'igihugu, ariko icyo gitero bakaba barashoboye kugikumira. Banagabye kandi ikindi gitero i Remera hafi ya "Stade National" no mu cyerekezo cy'ibitaro by'umwami Fayisali.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, murabona rero ko umutekano utaragaruka neza ariko ingabo z'igihugu zikomeje gukora ibishoboka byose ngo zirengere abari mu kaga. Na mwe rero musabwe gukomeza kuzitera ingabo mu bitugu, kugira ngo zishobore kubumbatira uwo mutekano. Mukomeze mube maso.

(Musique classique)

ORATEUR: Non identifié:

... tura n'Ababurugumestre bose mu nama y'umutekano ibera mu biro bye uyu muni, ku wa gatanu tariki ya munani z'ukwezi kwa kane mirongo cyenda na kane i saa cyenda. Bararebera hamwe uko

umutekano wifashe nyuma y'aho umukuru w'igihugu ahitanywe n'abagizi ba nabi. Itangazo ryashyizweho umukono na Perefefegitura Kibungo Godefroid RUZINDANA.

Communiqué du Préfet de la Préfecture Kibungo "le Préfet de la Préfecture Kibungo invite les membres du comité préfectoral de sécurité ainsi que tous les Bourgoumestres des Communes de cette Préfecture, à une réunion qui se tient à son bureau ce vendredi 08/04/94 à 15:00. Il est question de faire l'évaluation de la situation sécuritaire qui prévaut dans la Préfecture après la disparition tragique du chef de l'Etat". Communiqué signé, Godefroid RUZINDANA Préfet de la Préfecture Kibungo.

(Musique classique)

Kubungabunga umutekano muri Gitarama. Abaturugumesitiri basabwe kwegera abaturage bakabasaba kwitonda no kutumva ibihuha bituruka hirya no hino. Amangazini n'amabutiki yasabwe kujya afungura kugira ngo abantu bahahe kuva saa tatu za mu gitondo kugera saa munani. Bare n'utubari, bibujijwe kunywesha amayoga igihe cyose. Amahuriro y'abantu benshi yose arahagaritswe. Abaturage basabwe kugeza ku bategetsi ikintu cyose babona kidasanzwe cyahungabanya umutekano. Inama y'umutekano ya Gitarama yashyizweho umukwabu uzajya utangira saa moya za nimugoroba, kugera... saa kumi n'ebiri za mu gitondo. Iri tangazo ryashyizweho umukono na Préfet wa Prefegitura ya Gitarama Fidèle UWIZEYE.

(Musique classique)

Icyamba mbere: abaturage ba Perefegitura ya Gisenyi basabwe gucisha make bakirinda ibikorwa byo gusubiranamo n'urugomo urwo ari rwo rwose, ubifatiwemo agahanwa by'intangarugero.

Icyamba kabiri: abategetsi bo mu nzego zose basabwe gushyira mu bikorwa itangazo ry'abakuru b'ingabo z'igihugu.

Icyamba gatatu: amasaha y'umukwabu ashyizwe kuva saa mbiri za nimugoroba kugeza saa kumi n'imwe za mu gitondo. Itangazo ryashyizweho umukono na bwana BANYURWABUKE Andereya

Perefe wa Perefegitura ya Gisenyi by'agateganyo.

(Musique classique...)

FACE B

ORATEUR: Non identifié:

... Mata mirongo cyenda na kane, igera ku myanzuro ikurikira

Icyamba mbere: Komite yasanze muri rusange hari umutekano mu makomine ya Gikongoro, ishimira abaturage bose bagaragaje ubwitonzi muri ibi bihe bikomeye. icyakora yababajwe n'ibikorwa by'urugomo byabaye muri Komine Muko na Mudasmwa, ikaba isabye abaturage abaturage b'inyangamugayo kwamagana ibyo bikorwa bagakomeza kubumbatira umutekano kandi bagafasha ingabo z'igihugu kuwugarura aho wahungabanye.

Icyamba kabiri: abakozi b'ibigo bitagomba guhagarika imirimo yabyo nk'abo mu mavuriro, abakora mu mirimo y'itumanaho n'aba Electrogaz, bagomba gukomeza akazi ariko abakoresha babo bagaha abakozi bakenewe impapuro zasinyweho n'umutegetsi wa Perefegitura cyangwa uwa Komine, izo mpapuro bakazitwaza mu nzira ijya ku kazi kabo.

Icyamba gatatu: kubera ko benshi mu batuye mu muji wa Gikongoro batanzwe no guhaha, komite y'umutekano yemeye ko abaturage muri uwo muji bashobora guhaha ku wa gatandatu tariki ya cyenda Mata mirongo cyenda na kane, hagati ya saa mbiri na saa munani.

Icyamba kane: komite y'umutekano muri Perefegitura ya Gikongoro yongeye kwibutsa abaturage bose ko bagomba gukurikira amabwiriza agamije kubungabunga umutekano, yatanze na Ministère y'Ingabo z'igihugu. Itangazo ryashyizweho umukono na Lawurenti BUCYIBARUTA, Perefegitura ya Gikongoro.

(Musique classique)

ORATEUR: Docteur SINDIKUBWABO Théodore Président de la République(Intérimaire):

Son Excellence le Général major HABYARIMANA Juvénal, Président de la République qui a disparu le mercredi 06/04/ 94, victime de l'acte ignoble des ennemis de la paix. Au nom du peuple rwandais, de tous les amis du Rwanda et à mon nom propre, je voudrais adresser mes condoléances les plus émues et les plus attristées, à la famille du regretté. Nous adressons les mêmes condoléances

à toutes les familles éprouvées ainsi que les familles de Son Excellence NTARYAMIRA Cyprien... Cyprien, Président de la république soeur du Burundi et de ses ministres qui ont péri dans les mêmes circonstances. Que toutes ces personnes reposent en paix dans le Seigneur. Comme d'aucuns le savent, la mort du Président de la république a été malheureusement suivie de tragiques événements au cours desquels ont péri d'autres personnes dont le premier ministre madame UWIRINGIYIMANA Agathe, nous adressons également aux familles éprouvées les condoléances émues du gouvernement rwandais et du peuple rwandais.

Enfin, conformément à l'article 42 de la constitution du 10/06/1991, la vacance de la présidence de la république est assumée par le président de Conseil National de Développement. C'est donc à ce titre, Rwandaises et Rwandais que je m'adresse à vous ce soir et les moments tragiques que nous vivons nous obligent de prendre les mesures urgentes ci-après :

-Les 5 partis politiques participants au gouvernement actuel de transition à savoir: MRND, MDR, PSD, PDC et PL, se sont mis d'accord pour mettre en place un gouvernement de transition dont les tâches les plus urgentes sont:

Premièrement: La gestion effective des affaires de l'Etat notamment en rétablissant l'ordre et la sécurité des personnes et des biens.

Deux: la poursuite des contacts avec le FPR en vue de la mise en place du Gouvernement de transition à base élargie et ce, le plus rapidement possible en tout cas avant l'expiration du délai de 6 semaines imparti par le conseil de sécurité des Nations Unies.

Trois: L'examen des voies et moyens pour résoudre les problèmes liés à la famine, qui fait des victimes dans certaines régions du pays ainsi qu'au retour dans leurs biens de personnes déplacées. Les partis politiques au gouvernement de transition ont décidé la nomination de monsieur KAMBANDA Jean au poste de premier ministre et nous l'avons acceptée.

Nous avons aussi accepté la liste des ministres de son gouvernement qu'il nous a proposé. Il s'agit des ministres BICAMUMPAKA Jérôme, nommé ministre des Affaires Etrangères et de la

Coopération, monsieur MUNYAZESA Faustin, nommé ministre de l'Intérieur et du Développement Communal, madame NTAMABYARIRO Agnès nommée ministre de la Justice, monsieur BIZIMANA Augustin nommé ministre de la Défense, le docteur NSABUMUKUNZI Straton, nommé ministre de l'Agriculture et de l'Elevage, le docteur RWAMAKUBA André nommé ministre de l'Enseignement Primaire et Secondaire, docteur MBANGURA Daniel, nommé ministre de l'Enseignement Supérieur, de la Recherche Scientifique et de la Culture, monsieur NDINDABAHIZI Emmanuel, nommé ministre des Finances, monsieur MUGIRANEZA Prosper, nommé ministre de la Fonction Publique, monsieur NIYITEGEKA Eliezer, nommé ministre de l'Information, monsieur MUGENZI Justin, nommé ministre du Commerce, de l'Industrie et de l'Artisanat, docteur NGIRABATWARE Augustin, nommé ministre du Plan, docteur BIZIMUNGU Casimir, nommé ministre de la Santé, monsieur NTAGERURA André, nommé ministre des Transports et de Communications, monsieur HABINEZA Jean de Dieu, nommé ministre du Travail et des Affaires Sociales, monsieur NSENGIYUMVA RAFIKI Yacinthe, nommé ministre des Travaux Publics et de l'Energie, monsieur RUHUMURIZA Gaspard, nommé ministre de l'Environnement et du Tourisme, madame NYIRAMASUHUKO Pauline, nommée ministre de la Famille et de la Promotion Féminine, et monsieur NZABONIMANA Callixite, nommé ministre de la Jeunesse.

Rwandaïses, Rwandaïses, chers amis du Rwanda, les moments que nous vivons nous interpellent tous. Ils nous demandent de redoubler de vigilance. La sécurité des personnes et des biens est un impératif pour tous et particulièrement pour les Forces armées rwandaïses. Je voudrais à cet égard, exprimer la reconnaissance du peuple rwandaïse à l'égard des membres des Forces armées rwandaïses, qui continuent à s'acquitter de leurs devoirs avec dévouement, abnégation et amour de la patrie. Nous les encourageons à persévérer dans cette voie. Je voudrais enfin adresser une pensée particulière, à la communauté internationale pour son appui dynamique et la compréhension dont elle continue à faire preuve à l'égard du Rwanda. Nous espérons pouvoir bénéficier de ce même appui, de cette même compréhension pendant les moments difficiles que nous traversons. Je vous remercie. Fait à Kigali le 08 avril 1994, Docteur SINDIKUBWABO Théodore, Président de la République.

(Musique classique)

ORATEUR: Docteur SINDIKUBWABO Théodore Président de la République(Intérimaire):

... SINDIKUBWABO Théodore ageza ku Banyarwanda.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, inshuti z'u Rwanda, tubabajwe no kubamenyesha muri kano kanya akaga igihugu cyacu cyashyizwemo n'iyicwa ry'umukuru w'igihugu, Nyakubahwa Jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali, ku itariki ya gatandatu Mata mirongo urwenda na kane, azize abanzi b'igihugu. Abanyarwanda twese twifatanyije n'umuryango we n'inshuti muri ako kababaro. Twifataniye kandi n'Abarundi bose, n'umuryango wa Nyakubahwa Perezida NTARYAMIRA Sipriyani wishwe hamwe na Perezida wa repubulika y'u Rwanda. Turasaba Imana ishobora byose, ngo ibahe iruhuko ridashira. Turamenyesha kandi imiryango y'abandi batabarukanye na Perezida wa repubulika, ko twifataniye na bo muri ako kababaro. Urupfu rwa Nyakubahwa Perezida wa repubulika Jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenal, rwakurikiwe kandi n'imvururu zaje guhitana abandi bantu, barimo Ministre w'Intebe madamu UWIRINGIYIMANA Agata, abo bose twifataniye n'imiryango yabo dusaba ngo Imana ibakire mu buzima buda... budashira.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, nk'uko biteganywa n'Itegeko nshinga rya repubulika y'u Rwanda tugenderaho igihe inzego z'Inzibacyuho yaguye zitarajyaho, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mirongo ine n'ebiyiri, Prezida w'Inama y'Igihugu iharanira amajyambere ni we usimbura Perezida wa repubulika iyo adahari, nk'u... nk'uko bimeze iki gihe. Ni yo mpamvu, mbisabwe n'amashyaka ya politike ari muri guverinoma y'Inzibacyuho, nsanze ari ngombwa gutangariza Abanyarwanda ibi bikurikira,

- amashyaka ya politike ari muri Guverinoma yiyemeje gushyiraho indi guverinoma ihawe gahunda iteye itya,

Icyamba mbere: gutegeka no kuyobora igihugu mu buryo buhamye kandi buboneye, cyane cyane ikuhutira kugarura umutekano no kuwubumbatira, kugira ngo abaturage n'ibintu byabo bidahungabana.

Icya kabiri: gukomeza imishyikirano na FPR kugira ngo inzego z'Inzibacyuho yaguye zijyeho bitarenze ibyumweru bitandatu, nk'uko inama y'amahoro ku isi yabisabye Leta y'u Rwanda.

Icya gatatu: gucyemura ikibazo cy'inzara yugarije Abanyarwanda benshi, cyane cyane abavanywe mu byabo n'intambara. Amashyaka ya politike agize guverinoma, yemeje ko Ministre w'Intebe ari bwana KAMBANDA Yohani, kandi na twe twamwemeye kimwe n'uko twameye liste y'abaministre yatugejejeho.

Iyo liste iteye itya. Ministre BICAMUMPAKA Yoronimo ashinzwe Ministère y'Ububanyi n'amahanga n'u n'ubutwererane. Ministre MUNYAZESA Fawusitini ashinzwe Ministère y'Ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komine. Madamu NTAMABYARIRO Anyensi, ni ministre w'Ubutabera. Bwana BIZIMANA Augustin, ni ministre w'Ingabo. Docteur NSABUMUKUNZI Straton, ni ministre w'Ubuhinzi n'ubworozi. Docteur RWAMAKUBA Andereya, ni ministre w'Amashuri mato n'ayisumbuye. Docteur MBANGURA Daniel, ni ministre w'Amashuri makuru n'ubushakashatsi n'umuco. Bwana NDINDABAHIZI Emmanuel, ni ministre w'Imari. Bwana MUGIRANEZA Prosperi, ni ministre w'Abakozi ba Leta. Bwana NIYITEGEKA Eliyezeri, ni ministre w'Itangazamakuru. Bwana MUGENZI Yusitini, ni ministre w'Ubucuruzi, inganda n'ubukorikori. Docteur NGIRABATWARE Augustin, ni ministre w'Imigambi ya Leta. Docteur BIZIMUNGU Casimir, ni ministre w'Ubuzima. Bwana NTAGERURA Andereya, ni ministre w'Ubwikorezi no gutumanaho. Bwana HABINEZA Yohani wa Mungu, ni ministre w'Umurimo n'imizamukire bw'abaturage. Bwana NSENGIYUMVA RAFIKI Hyacente, ni ministre w'Imirimo ya Leta n'ingufu. Bwana RUHUMULIZA Gaspard, ni ministre w'Ibidukikije n'ubukerarugendo. Madamu NYIRAMASUHUKO Pawulina, ni ministre w'Umuryango n'imizamukire y'Umunyarwandakazi, naho bwana NZABONIMANA Kalisiti, ni ministre w'Urubyiruko. Bwana RUHIGIRA Enoc, akomeje kuba Umuyobozi mukuru mu biro bya Perezidanse ya repubulika.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, muri ibi bihe bikomeye u Rwanda rurimo, turasaba abaturarwanda bose kwitonda no kudahohotera ubuzima n'umutekano w'abandi. Turasaba kandi... muri ibi bihe

bikomeye, gufatanya n'inzeho z'ubutegetsi n'ingabo z'igihugu kubumbatira umutekano rusange w'Abanyarwanda n'abarutuye bese. Turashimira by'umwihariko ingabo z'igihugu ubwitange zagaragaje kandi... tukazisaba gukomeza umurego wo kurengera ubusugire bw'igihugu n'umutekano w'Abaturarwanda bese. Turashimira kandi... ibihugu by'inshuti n'imiryango mpuzamahanga inkunga bidahwema gutera kudutera... mu bihe bikomeye, kandi Abanyarwanda bakaba bizeye ko iyo nkunga izakomeza. Mugire amahoro, bikorewe i Kigali ku wa munani Mata igihumbi magana urwenda mirongo urwenda n'ine, Docteur SINDIKUBWABO Tewodori Président wa repubulika.
(Musique classique)

ORATEUR: Non identifié:

... n'iyabo bari kumwe mu mpanuka yabahitanye. Inama y'umutekano yasanze umutekano utifashe neza makomine amwe yatangiye kubonekamo ibibazo byo gushyamiranya abaturage. Kugira ngo umutekano ushobore kugaruka, inama yafashe ibyemezo bikurikira,

Icyamba mbere: gukoresha inama zunga abaturage cyane cyane mu Masegiteri yatangiye umutekano muke.

Icyamba kabiri: hashyizweho umukwabu muri Perefegitura yose ya Kibungo guhera saa kumi n'ebiri za nimugoroba kugeza saa kumi n'ebiri za mu gitondo. Ku yandi masaha abaturage bashobora guhu... gusohoka, bagakora imirimo yabo isanzwe.

Icyamba gatatu: abaturage... basabwe babifashijwemo n'ubu... n'abayobozi babo, gushyiraho uburyo bwo kurinda umutekano wabo batarebye amoko cyangwa amashyamba ya politike barimo.

Icyamba kane: abagize inama y'umutekano ya Perefegitura, biyemeje kujya bajya guhumuriza abaturage ahantu hose umutekano wahungabanye.

Icyamba gatanu: abantu bese bazafatwa mu guhungabanya umutekano bazajya bafatirwa ibihano bikomeye. Abashinzwe umutekano basabwe kutihanganira bene ibyo bikorwa byo guhungabanya uwo mutekano.

Icyamba gatandatu: ba Burugumestre, basabwa gukora ibishoboka byose kugira ngo abavuye mu byabo bese kubera imvururu babisubiremo mu mutekano.

Icy a karindwi: ibi byemezo, bitangira gukurikizwa igihe bishyiriweho umukono. Byakorewe i Kibungo, ejo tariki ya munani z'ukwezi kwa kane mirongo cyenda na kane, Perefefu wa Perefefitura bwana Godifiridi RUZINDANA ni we wahize umukono kuri iri tangazo.
(Musique classique)

(silence... 30 secondes)

ORATEUR: Non identifié:

... tira kubumbatira umutekano w'abaturage mu Makomine bashinzwe.

Icy a kabiri: imirimo yihutirwa iyo... ni nk'ibitaro, ELECTROGAZ, TELCOM igomba gukomeza gukorwa. Abayobozi b'iyo mirimo basabwe kubaza ubutegetsi uburyo bagomba kubyifatamo.

Icy a gatatu: guhera kuri uyu wa gatandatu tariki ya cyenda Mata, abaturage bo mu mujyi wa Butare bashobora kujya guhaha kuva saa tatu kugeza saa munani, mu masoko ya buri... wa kabiri, buri wa kane na buri wa gatandatu aremera mu i Rango no mu Matyazo.

Icy a kane: mu yandi Makomini inama z'umutekano zisabwe guterana zikagena iminsi n'amasaha amasoko yajya aremeraho.

Icy a gatanu: inama y'umutekano ya Perefefitura ya Butare, iboneyeho gushimira abaturage bose bayituye n'abashinzwe kubungabunga umutekano uko bakomeje kwitwara neza muri ibi bihe bikomeye igihugu cyacu kirimo. Ikabasaba gukomerezaho cyane cyane birinda impuha aho zakomoka hose. Préfet wa Perefefitura ya Butare, Docteur HABYARIMANA Yohani Batista ni we washyize umukono kuri iri tangazo.

(Musique classique)

ORATEUR: Non identifié:

A nouveau le peuple du Burundi et le peuple du Rwanda ont le coeur déchiré. "Puissent-ils ne pas être englouti par le drame qui a coûté la vie aux Chefs d'Etat de ces deux pays. N'ayez pas peur, c'est moi. Voilà ce que le Christ ressuscité nous dit en ces jours de Pâques. Que chacun au Burundi et au Rwanda, puisse dire à l'autre chrétien ou non n'ayez pas peur c'est moi. La paix soit avec vous,

c'est le Christ qui nous le dit et qui seul donne (inaudible) au peuple divisé et meurtri. Face à l'horreur souvenon-nous que ce qui est impossible aux hommes est possible à Dieu, lui qui a pardonné le premier. En France, nous vous aimons comme des frères et nous prions pour vous" fin de citation. Ce message de pacification qui nous a été envoyé par le président de la conférence des évêques cathoriques du Rwanda, Monseigneur Thaddée NSENGIYUMVA, Evêque de Kabgayi. A été signé par le Cardinal Jean Marie LUSTIGER, Archevêque de Paris.

(Musique classique)

ORATEUR: Eliézer NIYITEGEKA, ministre de l'Information:

... Perezida wa repubulika (inaudible) ee... n'abandi baturage benshi ariko umuti si uko abantu bakomeza kwicana. Gusubiranamo kw'abaturage ntabwo ari byo bishobora gukemura ibibazo igihugu gifite, ahubwo birahombya igihugu kurutaho. Kwica ntabwo bigomba guhorwa n'ukundi kwica, ni yo mpamvu inama yasabye yuko habaho rwose ii... gusa icyo twakwita... no kunamura icumu, ee... cyane cyane ariko inama irasaba ingabo kureka... gupfa kurasa igihe... bitari ngombwa ee... bimwe ... wumva muri za karitsiye zimwe na zimwe mu muji, abasirikari bakunda... aho banyuze bakunda kurasa, bikanga abaturage bigatuma bahamuka eh ibyo ngibyoye inama yasabye ko abasirikari eh babigabanya ndetse yabwiye abashi... yasabye yiyemeje yuko ibwira eh... ministre w'Ingabo abwira abashinzwe... eh... ku... reba abo basirikari eh... ibyo ngibyoye kubireka rwose. Ikindi ni uko ubu turi mu gihe... cy'intambara, eh... ku buryo mbese FPR ee... yemeje kongera kugarura imirwano, inama yasabye ko abasirikari bagira disipline kugira ngo bashobore... kurwana intambar ee... ni uko bagomba kuba bafite disipline, bakubahiriza amabwiriza n'amategeko abagenga buri wese mu kigo abarizwamo. Inama kandi yasabye FPR yafashe icyemezo cyo kongera gukurura imirwano, kuba yayihagarika kubera ko eh... Guverinoma yagiyeho kimwe mu byo yiyemeje ni ukongera kubonana na FPR, bakumvikana ukuntu inzego z'Inzibacyuho yaguye zajyaho vuba mu gihe kitarenze ibyumweru bitandatu. Ntabwo rero zizajyaho zishyizweho n'intambara, ntabwo zizajyaho zishyizweho n'imirwano. Ni yo mpamvu FPR yitwaza imirwano ivuga ngo irahorera abapfuye, ntabwo inama y'abaministre yabishimye, ahubwo irasaba ko icyo FPR yareka imirwano

ahubwo ika... ikemera yuko habaho imishyikirano na guverinoma yagiyeho, kandi guverinoma irabyiteguye rwose iyo mishyikirano ikabaho maze ikareba ukuntu hajyaho guverinoma ihuriweho ee... n'amashyaka ari mu gihugu kandi inahuriweho na FPR.

Ikindi... inama... yafasheho icyemezo ni uko eee... habayeho eee... iminsi twakwita iminsi... y'icyunamo ibyo bita "*deuil national*" iyo *deuil national* ikaba itewe n'urupfu rw'Umukuru w'igihugu n'abandi... banyacyubahiro benshi ba...giriye impanuka kumwe na we ndetse n'abandi... bagiye bagwa muri iyi rwaserera imaze iminsi, iyo... minsi y'icyunamo rero cyangwe "*deuil national*" ikaba ari... izamara ukwezi. Ese bikazahera ku itariki ya gatandatu z'ukwezi kwa kane eh ubwo... indege yari itwaye Umukuru w'igihugu yahanurwaga, kikaba kikazarangira ku itariki ya gatanu z'ukwezi kwa gatanu mirongo cyenda na kane.

Ikindi... inama yemeje ni uko... (inaudible) ahasigaye tuzatangira ku itariki eee... ngira ngo ya cumi na kabiri ku wa mbere utaha, ejo bundi eee... niho gutangira kw'amashuri (inaudible...) Ngira ngo ministre w'Amashuri abanza n'ayisumbuye (inaudible...) Kuzageza igihe bazababwirira yuko (inaudible)

Ikindi na none... inama itirengagije eee... ni uko muri iyi minsi urabona kuva... ku wa ka... ku wa gatatu ku wa kane ubu koko harafunze hano mu muji wa Kigali, abantu ntibashobora guhaha eee... u... bundi... nta wawe atunguwe ngo abe yari yafashe... eee... yari yafashe yari yafashe ibya ngombwa byose yazakenera, inama rero yemeje ko... mu minsi ya vuba amasoko agomba kongera gukingura yenda igihe gitoya nko kuva mu ma saa mbiri kugera saa munani, ariko abantu bakabona uko bahaha za magasins d'alimentations zigakora, abantu bakabona uko bongera guhaha gusa ntabwo mvuze ngo bizatangira ejo, eee... kuko hari indi nama ya... guverinoma na none izaterana ejo i saa tatu, ubwo rero... iyo ni yo izemeza igihe amasoko ashobora gukingurira bitewe n'uko ku... gira ngo isoko rikingure n'ibi bibazo turimo, birasaba yuko eee... guverinoma yanga kumvikana n'ubutegetsi gucunga umutekano cyane cyane na Perefegitura y'Umujyi wa Kigali kimwe ndetse

n'abashinzwe abajandarume n'abashinzwe abasirikari kugira ngo babungabunge umutekano w'abazaba bagiye... mu masoko babungabunge n'umutekano w'abazaba bazanye ibintu mu masoko bamenye ukuntu bahagera mu gihe za taxi na zo zitagenda nk'uko (inaudible).

Urebye... muri rusange ibyo ni byo inama ya guverinoma yemeje inama yacu nyine yateranye kuri uyu mugoroba kandi... uzi ko hari ibibazo byinshi bindi, ikaba izakomeza imirimo yayo ejo mu gitondo i saa tatu. Nkaba nakongeraho yuko uruhande rureba yerekeye iyo nama y'abaministre yabaye uyu munsu, hari... n'imibonano uyu munsu yabaye eee... n'aba... hagarariye ibihugu byabo by'amahanga hano mu Rwanda kugira ngo bagerageze gusobanurirwa iby'ishyirwaho ry'iyi guverinoma eee... banamenyeshwe eee... impamvu yashyizweho mu buryo bamwe batumvaga... neza, babasobanirire eh uko yashyizweho n'icyatumye ishyirwaho.

Abo rero cyane cyane abo navuga ni Ambasaderi w'u Bubiligi mu Rwanda, Ambasaderi w'u Bufaransa mu Rwanda, eee... ndetse n'Uhagarariye Papa mu Rwanda, eee... hanyuma kandi Perezida wa repubulika (inaudible) Uhagarariye Ishami ry'Umuryango w'abibumbye (inaudible) n'ejo azabonana n'abandi basigaye kugira ngo basobanurirwe eee... iby'ishyirwaho ry'iyi guverinoma n'imigambi ya yo (inaudible) uko umigambi ni ukugira ngo amahoro umutekano bigaruke mu gihugu, bityo tuboneukuntu... inzego z'Inzibacyuho eee... yaguye yajyaho bi... ku buryo bwihuse tutagombye kuzarira kandi ku buryo butumye intambara idakomeza, ni nayo mpamvu inama ya guverinoma yongeye, yongeye rwose gusaba FPR n'abandi bashobora ku... vugana na yo yuko imirwano yahagarara kuko imirwano atari cyo, atari (inaudible) gukemura ibibazo igihugu cyacu gifite ahubwo ibibazo bigomba gukemurwa n'imishyikirano. Muri make rero ni ibyo inama (inaudible).

Fin de la cassette.